Repubulika y'u Rwanda
Ibiro by'Umuvugizi wa Guverinoma

# ICYO GUVERINOMA Y'U RWANDA IVUGA KU BIREGO BYO GUSHYIGIKIRA UMUTWE WITWAJE INTWARO WO MURI REPUBULIKA IHARANIRA DEMOKARASI YA KONGO.

Ku wa 21 Ukuboza 2022

Kurega u Rwanda gushyigikira umutwe witwaje intwaro wa M23 wo muri DRC bigamije kuyobya uburarі no guhisha ukuri ku mpamvu nyayo itera amakimbirane akomeje kurangwa mu burasirazuba bw'icyo gihugu, n'ingaruka bigira ku mutekano w'ibihugu bituranyi, harimo n'u Rwanda.

Ni amakosa akomeye kwitiranya ingamba u Rwanda rwashyizeho mu kurinda imipaka yarwo no gushyigikira umutwe runaka witwaje intwaro muri DRC. Uyu ni umukino urambiranye, kandi utesha agaciro imbaraga abayobozi bo mu karere bakomeje gukoresha mu gushaka amahoro arambye, cyane cyane amasezerano y'i Nairobi n'i Luanda, u Rwanda rushyigikiye byimazeyo.

Kimwe n'ibindi bihugu, ubusugire bw'u Rwanda ni uburenganzira ntavogerwa, kandi Igihugu cyacu gifite inshingano zo kububungabunga, abaturage bakarindwa ibitero byambukiranya imipaka. Ubusugire bw'u Rwanda bwavogerewe kenshi n'umutwe w'iterabwoba wa FDLR mu bihe bitandukanye. Mu Ukwakira 2019, igitero cyagabwe mu Kinigi mu Majyaruguru y'u Rwanda, ahantu hamenyerewe ibikorwa by'ubukerarugendo, gihitana abaturage 14. Mu ntangiriro z'uyu mwaka, ibisasu byatewe ku butaka bw'u Rwanda. Abasirikare ba DRC bagiye bafatwa bambutse umupaka, ndetse mu Ugushyingo, indege ya gisirikare yavogereye ikirere cy'u Rwanda. Ibi byiyongereye ku bikorwa by'ubushotoranyi by'umutwe wa FDLR ufatanyije na FARDC barwana n'indi mitwe yitwaje intwaro, byagiye bisatira imipaka y'u Rwanda.

Guverinoma ya DRC ntiyigeze ibazwa impamvu yananiwe guhangana n'imitwe yitwaje intwaro irenga 130 ikorera ku butaka bwayo, ihohoterwa rikabije rikorerwa abasivili rikozwe n'ingabo z'Abanyekongo, n'indi mitwe yitwaje intwaro bakorana, harimo n'umutwe w'iterabwoba wa FDLR ukomoka ku basize bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda, umaze igihe kinini ucumbikiwe muri DRC.

Abayobozi b'icyo gihugu batiza umurindi imvugo z'urwango zibasira Abanyekongo bavuga Ikinyarwanda, n'abo mu bwoko bw'Abatutsi, bagakangurira rubanda ibikorwa by'urugomo, ubwicanyi bwibasira abantu runaka, n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina nk'uko bigaragara muri raporo z'umuryango w'abibumbye n'indi miryango yo mu karere n'iyo mu mahanga.

U Rwanda rucumbikiye impunzi z'Abanyekongo barenga ibihumbi 80 baba hirya no hino mu nkambi aho bamaze imyaka irenga 20. Umuryango mpuzamahanga ukwiye kuba ufasha mu gushakira igisubizo itotezwa rikorerwa igice kimwe cy'abaturage ba DRC harimo no kubona uburenganzira bwabo bwo gusubira mu gihugu cyabo no kubaho mu mutekano aho gukomeza gusemberera mu nkambi z'impunzi ubuziraherezo.

Kugerageza gushakira ibisubizo ibibazo by'urusobe bya DRC, uhora usubiramo ibirego by'ibinyoma cyangwa ubikwirakwiza nta gisubizo byatanga. By'umwihariko, amarangamutima ku bwicanyi bwabereye Kishishe kandi ari n'ikinyoma cyahimbwe na guverinoma ya DRC ibyitiriye umutwe umwe, bigahinduka kimomo kandi mu by'ukuri nta perereza ryakozwe ku bivugwa n'urwego urwo ari rwo rwose rwizewe, nyamara hari ibimenyetso bifatika byerekana ko ibyabaye byari ihangana hagati y'umutwe wa M23 n'indi mitwe yitwaje intwaro ikorana n'ingabo za FARDC. Ibyo ni gihamya cy'uko akajagari ko muri DRC kakomeje gushyigikirwa igihe kirekire.

Ni ngombwa kuzirikana ko Ingabo z'Umuryango w'Abibumbye zimaze imyaka irenga 22 mu butumwa bwo kugarura amahoro mu burasirazuba bwa DRC (MONUSCO). Ibikorwa byabo bitwara amafaranga arenga miliyari imwe y'amadorari buri mwaka, nyamara ibyo izo ngabo zimaze gukemura ari bike. Gushinja u Rwanda bigaragagaza ubushake buke bw'umuryango mpuzamahanga bwo kubonera igisubizo kirambye ikibazo cya DRC, no gusaba Leta y'iki gihugu n'indi miryango itegamiye kuri Leta kugira uruhare mu gukemura iki kibazo gikomeje kuba ingorabahizi.